
# Nkunda inama



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Umuvugo wo mu kiciro

3

cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

## IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Nkunda inama



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Umuvugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

BENIMANA Dominique Savio, yanditse uyu muvugo afite imyaka 15, yiga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Mburabuturo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali. Uyu muvugo we, NKUDA INAMA, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Nkunda inama zimpe kenshi
Nkunda inama zitwa nziza
Zimwe zijyana n'imico myiza



Nkunda inama zinyigisha
Nzumva bwangu ngashisha numva
Kuko zimpesha umugisha iteka.



Umwana mwiza akunda inama
Byarushaho agakunda Imana
Ikamusanga aho ari hose.



Ahora atuje atavuga byinshi
Abera abandi urugero rwiza
Umubonye ati: “Yarezwe neza.”




Inama nziza ziyobora umwana
Zikamutoza kugira ubwenge
Agahora yitwa Kazubwenge.



Erega buriya isuku igira isoko
Si iy'ibirenge noga iteka
Si iy'umubiri ndimo mbabwira.



Ndavuga inama z'ubuzima bw'ejo
Inama zivuga ubuzima bwiza
Ngo tube bazima ingingo zose.



Mubyeyi nawe murezi wange
Rungano nawe mukuru wange
Nkeneye inama zanyu mwese.



Inama nziza nzikesha mwebwe
Nkanazigira abantu bose
Mbabuza gukora ibyangwa hose.



Udakunda inama yaba uwa nde?
Utagirwa inama yaba hehe?
Nk'ino iwacu yaharangwa?



Oya ntahakwiye nimukumire
Cyangwa ansange muhe ku zange
Zimwe mbakesha kuva nkivuka.



Ndashima cyane abampuguye
Mbakesha uwo ndi n’ubu ngubu
Mbatuye Imana itanga byose.

# Nkunda inama

Nkunda inama zimpe kenshi
Nkunda inama zitwa nziza
Zimwe zijyana n'imico myiza.

Nkunda inama zinyigisha
Nzumva bwangu ngashisha numva
Kuko zimpesha umugisha iteka.

Umwana mwiza akunda inama
Byarushaho agakunda Imana
Ikamusanga aho ari hose.

Ahora atuje atavuga byinshi
Abera abandi urugero rwiza
Umubonye ati: "Yarezwe neza."

Inama nziza ziyobora umwana
Zikamutoza kugira ubwenge
Agahora yitwa Kazubwenge.

Erega buriya isuku igira isoko
Si iy'ibirenge noga iteka
Si iy'umubiri ndimo mbabwira.

Ndavuga inama z'ubuzima bw'ejo
Inama zivuga ubuzima bwiza
Ngo tube bazima ingingo zose.

Mubyeyi nawe murezi wange
Rungano nawe mukuru wange
Nkeneye inama zanyu mwese.

Inama nziza nzikesha mwebwe
Nkanazigira abantu bose
Mbabuza gukora ibyangwa hose.

Udakunda inama yaba uwa nde?
Utagirwa inama yaba hehe?
Nk'ino iwacu yaharangwa?

Oya ntahakwiye nimukumire
Cyangwa ansange muhe ku zange
Zimwe mbakesha kuva nkivuka.

Ndashima cyane abampuguye
Mbakesha uwo ndi n'ubu ngubu
Mbatuye Imana itanga byose.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.